



# Witegurire ishuri rya Google!

Kugira ngo dushobore gutangiza neza gahunda y'ishuri kuri Google dufatanije n'Amashuri abanza y'akarere ka Fayette , twakoze iyi nyandiko kugira ngo dufashe abanyeshuri n'imiryango kugira uruhare mu gukora ibishoboka byose kugira ngo ibikoresho byabo bitegurirwe inyigisho. Nyamuneka kurikiza intambwe zikurikira kugira ngo witegurire ishuri kuri Google (Google Classroom) MBERE y'umunsi wa mbere w'umwaka w'amashuri 2020-21.

1. Kuramo ibidakenewe muri Mushakisha (Browser).
2. Zimya ibikoresho hanyuma utangire bushya.
3. Vugurura Browser ya Chrome ku bikoresho bitari Chromebook.
4. Emerera (tanga uburenganzira) cookies zose.
5. Injira mu ishuri kuri Google
6. Hamagara Ibiro bifasha Abanyeshuri / Umuryango kuri 859-381-4410 mu gihe ukeneye ubufasha .

## 1. Kuramo ibidakenewe muri Mushakisha (Browser).

Mushakisha zose zungukira mu gukuraho ibyo bita “cache”, ariko Mushakisha ya Chrome yitwara neza cyane iyo bikuwemo kenshi. Uyikoresha arashobora gusohoka kuri konte ya Gmail ye, ariko caches akenshi zikomeza kuba inyuma y'ibimaze gukorwa. Izi ntambwe zikurikira imikoreshereze myiza mu gufasha igikoresho cyawe gukora neza.

- [Intambwe zo Gukuramo Caches muri Browser](#) (Indimi umunani zatanze)

## 2. Kuzimya ibikoresho no Gutangira bushya

Iyo ibikoresho bidatangirwa mu buryo bumenyereye, bishobora guteza ibibazo kuri Browser ya Chrome n'izindi mbuga nyinshi zo ku murongo. Chromebook zikunda kwibasirwa cyane n'ibibazo, kandi gufunga ecran ntabwo ari kimwe no kuzimya no kwongera kwatsa. Ibiro bya tekinoroji bya FCPS birasaba gukoresha buto ya Power kugirango uzimye nibura rimwe mu cyumweru.

## 3. Kuvugurura Browser ya Chrome

Ku gikoresho cyose kitari Chromebook, menya neza kuvugurura Browser ya Chrome kuri verisiyo ya 83. Browser (Mushakisha) kuri Chromebook igomba kuvugururwa hakoreshejwe gutangira bushya byavuzwe haruguru ku nomero ya 2.

#### 4. Kwemerera cookies zose (kuziha uburenganzira)

Umaze kurangiza Intambwe ya 1 n'ya 2, menya neza ko winjira muri Browser, cyane cyane Chrome, kandi utange uburenganzira (wemerere) cookies zose. Reba ibisobanuro kuri:


- [Chrome Cookies: Allow All Cookies](#)

#### 5. Kwinjira mw'ishuri rya Google

Kugira ngo umenye ibibazo byose byo kwinjira mbere y'igihe, nyamuneka winjire muri Google Classroom (ishuri rya Google) ukoresheje waffle ya Google Drive App mbere y'itariki ya 26 Kanama 2020. Inzira ni kimwe n'ya ConnectEd (Wonders), EasyBridge, hamwe n'andi masomo y integanyanyigisho. Byonyine Kanda umanura muri waffle kugira ngo ubone ikimenyetso cy'ishuri hanyuma ukande kugira ngo ukingure.


A. Kwinjira muri Google Drive, andika [drive.google.com](https://drive.google.com) ku murongo wa aderesi. Niba abanyeshuri binjiye muri Chromebook, ntibagomba kongera kwinjira bundi bushya. Niba bakoresha mudasobwa yo ku meza (desktop) cyangwa mudasobwa ngendanwa, noneho bazasabwa gushyiramo aderesi imeri ya FCPS hamwe n'ijambobanga.

B. Iyo bamaze kwinjira muri Google Drive, abanyeshuri bashobora gukanda kuri porogaramu ya Google Drive hanyuma bagahitamo igishushanyo cyerekana ishuri (Ishusho ya 1)



Ishusho ya 1. Waffle ya Google Drive

C. Urupapuro rw'urubuga rwa Google Classroom(ishuri rya Google) ruzakingurwa maze abanyeshuri bahite babona urupapuro rw'urubuga rusa n'ishusho ya 2 hano hepfo.



Ishusho ya 2. Urupapuro rw'shuri rya Google (Google classroom)

## 6. Ibiro bifasha imiryango n'abanyeshuri

Nyamuneka hamagara Ibiro by'Ikoranabuhanga bifasha imiryango kuri 859-381-4410 kugira ngo bigufashe niba utinjije neza ngo ubone urubuga rwa Google Classroom.



Fayette County Public Schools

Office of  
Instructional  
Technology